C EP R Conférence Episcopale du Rwanda
CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**INYIGISHO YO KU MUNSI MUKURU W'URUGO RUTAGATIFU RW'I NAZARETI**
***Ku cyumweru, tariki 27 Ukuboza 2020***

**"DUHARANIRE KO URUGO RWACU RUBA KOKO KILIZIYA NTO"**

**1.** Bakristu bavandimwe, nimugire mwese Noheri Nziza, Umukiza yatuvukiye. Buri mwaka, umunsi mukuru w'Urugo Rutagatifu rw'i Nazareti, urugo rwa YEZU, MARIYA na YOZEFU, utubera umwanya wo kurebera hamwe ingamba zo gusigasira agaciro k'umuryango.

**2.** Nkuko mubizi, ibi bihe bigikomeza by'icyorezo cya covid-19 ntibyoroheye igihugu muri rusange n'ingo z'abakristu by'umwihariko. Umuryango warahungabanye, ariko kandi byatubereye n'umwanya wo kumenya aho duhagaze mu bukristu bwo mu rugo iwacu, aho benshi bongeye kuvumbura ubudasimburwa bwa Kiliziya nto yo mu rugo. Abari bafite akamenyero keza k'isengesho ry'abagize urugo bose, bahise bakora gahunda ihoraho y'umuhimbazo utagira Ukaristiya. Ku bandi, ubuzima nyobokamana bwarabagoye bikomeye n'amakimbirane rugeretse.

**3.** Mutagatifu Yohani Pawulo wa kabiri yari yarabiteye imboni, aho mu nyandiko ye ku muryango, *Familiaris Consortio*, yasabaga Kiliziya gushyira imbaraga mu kubaka ingo nkirisitu, aho agira ati : "Ejo hazaza h'iyogezabutumwa hashingiye cyane kuri Kiliziya nto yo mu rugo"[1]. Ni muri urwo rwego twahisemo insanganyamatsiko igira iti : **"DUHARANIRE KO URUGO RWACU RUBA KOKO KILIZIYA NTO".**

## Iyogezabutumwa ry'ibanze rikorerwe mu rugo

**4.** Abari muri Sinodi iherutse ku muryango, bashimangiye ko urugo rwa gikristu, nka Kiliziya nto, ari rwo rushinzwe mbere na mbere gukora ikenurabushyo ry'umuryango, rwamamaza Ivanjiri y'umuryango mu buhamya bushimishije bw'ubuzima bw'abarugize.

**5.** Kiliziya nto y'iwacu mu rugo, ibeshwaho no gusangira Ijambo ry'Imana kandi yubakwa n'isengesho rya buri munsi, "rikorewe hamwe n'abagize urugo bose"[2] ariko cyane cyane bagashishikarira guhimbaza igitambo cy'Ukaristiya ku cyumweru, kugira ngo "urukundo ruranga urwo rugo rukure kandi ruhore ari ingoro ya Roho Mutagatifu"[3]. Urugo rutunzwe n'Ukaristiya, rukomeza kunga ubumwe no kwera imbuto zirambye. Turebere ku bakristu ba mbere : "bahoraga bashishikariye kumva

[1] Reba *Familiaris Consortio* n° 52.
[2] Reba *Gratissimam Sane*, n° 4.
[3] Reba *Amoris Laetitia* n° 29.

inyigisho z'intumwa, gushyira hamwe kivandimwe, kumanyurira hamwe umugati no gusenga" (Intu 2, 42).

**6.** Babyeyi, mube abarimu b'ibanze, "abafashangabire n'abahamya b'ukwemera"[4]. Muhaguruke "mubwire abana banyu ibyiza bitabarika Imana yabakoreye kugira ngo babimenye kandi na bo bazabigeze ku mbyaro zabo"(Zab 78,6). Nimwimakaze imigenzo mbonezamubano ishingiye ku Ivanjiri kugira ngo murusheho kugenda muba "urugo rwifitemo ubuzima n'urukundo"[5], aho abana bigira gukoresha neza ubwigenge.

**7**. Babyeyi, muhamagariwe kwimakaza umuco mwiza wo kubaha Imana n'abantu, nk' "inshingano ikomeye n'uburenganzira bw'ibanze"[6], bishobora gutanga uburere bwuzuye bw'abana. Mutoze hakiri kare abagize urugo rwanyu, kwera imbuto za Roho : "Urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, ubigwaneza, ubuntu, ubudahemuka, imico myiza, kumenya kwifata" (Gal 5, 22-23).

### Kiliziya nto yo mu rugo nibe igicumbi cy'umuhamagaro

**8.** Muri Kiliziya nto yo mu rugo, ni ho hashingiye umuhamagaro w'abana. Umuhamagaro ukenera gushyigikirwa, gusobanurwa, kugira urumuri no kugaburirwa n'uburere mbonezamana. Ababyeyi babe abafasha b'ingabire y'ubutore bw'Imana. Urugo rufite "inshingano zo gushyigikira umuhamagaro wa buri wese mu bawugize no kumufasha guhitamo neza mu bushishozi, ku buryo bw'umwihariko, bashyigikira ufite umuhamagaro wo kwiyegurira Imana"[7] mu gihe bawumubonyemo, aho kumuca intege.

### Ikiganiro hagati y'abagize urugo n'ubusabane byimakazwe

**9.** Ikiganiro ni ngombwa, mu buzima bw'abagize urugo, kugira ngo berekane kandi bashimangire ubumwe n'urukundo bafitanye, maze abana bacu bamenye kuganira n'ababyeyi hakiri kare. Ubumwe buvukira kuri ubwo busabane buzasugira busagambe, kuko buri wese azaba yihatira gutega amatwi no kubanira neza undi, mu kuri no mu rukundo ruhamye. "Iyo dukunda umuntu cyangwa igihe twiyumvamo ko adukunda, dushobora kurushaho kumva icyo ashaka kuvuga natwe tukabasha kumvikanisha igitekerezo cyacu"[8]. Umwihariko wa buri wese ugomba kugaragara no kubahirizwa. Abana na bo bagomba kumva ko bafite uruhare ku isakramentu ry'urukundo n'ubumwe by'ababyeyi babo, muri uko kuganira kubaka kandi gufite gahunda.

### Abagize urugo bimakaze ibyishimo byo kubana n'abandi

**10.** Mu rugo hagomba kuba ahantu umuntu yigira bwa mbere kubana n'abandi. Buri wese, agomba gutozwa kwiyumvamo ko akwiye « guturana n'abandi no kubana

[4] Reba *Apostolicam Actuositatem*, n° 11.
[5] Reba *Gaudium et Spes* n° 48,1.
[6] Reba *Amoris Laetitia* n° 84.
[7] Reba *Lumen Gentium*,n° 11.
[8] Reba *Amoris Laetitia* n° 140.

na bo, n'aho baba kure y'imbibi z'urugo rwabo»[9]. Mu rugo, niho hasenyerwa urukuta rwa mbere rw'ubwikunde, kugira ngo abantu bemere ko hari abaturanyi babana na bo, bakwiye kwitabwaho, gukunda no kwakirana urugwiro. Urugo rwakira kandi rubanira izindi ngo, rugenda ruba "ikimenyetso, ubuhamya, rukanagira uruhare ku bubyeyi bwa Kiliziya"[10]. "Ntimukibagirwe kwakira abashyitsi kuko hariho ababikesheje kwakira abamalayika batabizi " (Heb 13, 2).

**Abagize urugo bimakaze urukundo rurangwa n'imbabazi**

**11**. Ababyeyi basabane imbabazi buri gihe niba hari uwahemukiye undi "kuko urukundo rubabarira ibyaha bitabarika"(1 Pet 4,8). Imbabazi zubaka urukundo, zubaka ubumwe bw'abagize urugo. Uwo ukunze wihutira kumusaba imbabazi cyangwa kumubabarira. Impuhwe n'imbabazi na byo ni imbuto z'urukundo. Papa Fransisko, mu nyandiko ye isoza Sinodi ku muryango, ni we ugira ati : "igihe mu muryango umuntu agaragaje ko yakosheje, akamenya kubwira undi ati: “mbabarira”, muri uwo muryango haramba amahoro n'ibyishimo"[11]. Kubabarira ni ukwitsinda kugira ngo "uzure" mugenzi wawe.

**12.** Ndangije ndagiza ingo zose Umubyeyi Bikira Mariya Nyina wa Jambo. Atwigishe kwakira Imana mu bwiyoroshye, gukomeza umurimo wo "kungura Umubiri Umwe wa Kristu"(Ef 4,12). Ingo za gikristu zikomeze kuba ishuri ritoza abana ubwiza bw'ukwemera, gusenga no kwitangira abandi, zikomeze kuba Kiliziya nto n'umusemburo w'iyogezabutumwa.

Bikira Mariya, Nyina wa Jambo n'Umwamikazi w'amahoro, udusabire.

*Bikorewe i Kigali, ku wa 22 Ukuboza 2020*

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C.EP.R.
B.P.357 Kigali
Rwanda
COMMISSION

**+ Antoine Cardinal KAMBANDA**

**Arkiyepiskopi wa Kigali,Umuyobozi wa Diyosezi ya Kibungo,**
**akaba n'Umukuru wa Komisiyo y'umuryango**
**mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda**

[9] Reba *Amoris Laetitia* n° 276.
[10] Reba *Familiaris Consortio* n° 49.
[11] Reba *Amoris Laetitia* n° 133.